NTUMA ***NYAGASANI N03***

Akanyamakuru k' abalayiki misiyoneri b' umutima mutagatifu wa yezu na Mariya.



Ijambo ry' ibanze.

Mu gihe hitegurwa urugendo rwo kwibuka imyaka 50, abamisiyoneri b' umutima mutagatifu wa yezu na Mariya bamaze mu Rwanda, no muri Paruwasi ya Kiziguro by' umwihariko, hakwiye gusubizwa amaso inyuma hakarebwa ibyiza byakozwe, kugirango bidufashe kwisuzuma, kwisubiraho no guteganya ibiri imbere tugendeye ku mutima mutagatifu wa Yezu n' uwa Mariya. Uwo mutima ushushanya urugero rwiza Yezu Kristu abamwemera bareberaho . Nk' uko abanyarwanda babivuze, ngo ntibihagije kurata ubwiza bw' inkongoro, ahubwo warata ubwiza bw' abo yareze!! Mu byo dukora, mu byo tuvuga, mu byo dutekereza, tuzirikane urugero rwiza rw' uwo twemeye.

Mu myaka 50, ibyakozwe n' abamisiyoneri b' umutima mutagatifu wa Yezu na Mariya bibonwa n' amaso birivugira : Ibitaro by'abarwayi bya Kiziguro, ibyumba byiza by' amashuri abanza n'ayisumbuye: Kiziguro, Nyabisindu, Gakoni, Muringa, Rwimitereri, ……. amazu y' abakene yubatswe, ibigega bifata amazi byatanzwe kandi bikubakirwa, abakene benshi bahawe ubwisungane mu kwivuza (mutuelle de santé),abana benshi bafashijwe kwiga amashuri abanza, ayisumbuye ndetse n' amakuru, abadafite icyo bambara bahawe imyenda, abagaburiwe, abahawe amatungo yo korora, abafashijwe kongera umusaruro mu buhinzi, ubukorikori n' ibindi.

Ibyo byose ni byiza ariko igikomeye ni ***mu mitima yacu***. Ese imitima yacu yakiriye kandi inyurwa n' ijambo ry'agakiza,ijambo ry' Imana muri iyi myaka 50 ishize? Ese imitima yacu yuje impuhwe n'ubumuntu? Iha agaciro gakwiye Imana n' abantu yiremeye.

Reka tugerageze kureba ibiva mu mutima wa Yezu na Mariya abakirisitu bagombye kugenderaho bityo bakaronka ubukungu nyabwo. Reka tunasabe Imana ko uwo mutima wazaranga bakirisitu mu bihe biri imbere.

-Umutima udatezuka ku isengesho kugirango uhorane ubumwe n'Imana.

-Umutima utuje,ugwa neza kandi woroshya.

-Umutima ukeye urangwa n' ukuri, ubutabera, amahoro, n' urugwiro.

-Umutima urebana impuhwe abababaye, kandi ukagira icyo ubakorera cyiza.

-Umutima uhangana n' ibishuko, ukagerageza kubitsinda.

-Umutima uzirikana gusaba imbabazi aho twateshutse no kuzitanga iyo bibaye ngombwa.

-Umutima uzirikana kudaceceka mu gihe hagaragara akarengane aho ari ho hose. Ako karengane kakarwanywa ntawe bihutaje.

-Umutima wihanganira ibigeragezo n' ibindi bitubabaza byose.

- Umutima wogeza ubutumwa bwiza mu babukeneye.

-Umutima uzirikana kandi ugashishikazwa n' iterambere rya Roho n' iry' umubiri.

Ngo umwambari w' umwana agenda nka shebuja: Muri iki gihe n' ikizaza, tuzirikane kugira umutima usobanukiwe n' amabanga y'Imana. Tuzirikane ko ubu buzima twabutijwe kandi ko igihe cyose uwabudutije ashobora kubwisubiza. Ni uguhora twiteguye gusobanura uko twabukoresheje. Abnyarwanda baca umugani ngo Iyo nyirumuringa yaje. Urambura akaboko.

Umunsi mukuru wa Paruwsi wa le 6/08/2016 i Kiziguro wasigiye iki abakirisitu ba Kiziguro?

Kubera iki habaho umunsi mukuru wa Paruwasi?

Gusuzuma ibitaragenze neza, bigakosorwa.

-Gufatanya gushimira Imana hamwe iba yaraturinze ikarinda n' ibyo twagezeho.

-Gufata ingamba z' umwaka ukurikiyeho.

-- Ubusabane bw' abakirisitu.

Ku munsi wa 6,tariki ya 6,z' ukwezi kwa Kanama 2016,kuri Paruwasi ya Kiziguro,hizihirijwe umunsi mukuru wa Paruwasi wahuriranye n' itangwa ry' isakaramentu ry' ubusaseredoti ryahawe Diyakoni Ndahiro Pascal, uyu akaba n'ubundi akomoka muri iyi paruwasi ya Kiziguro, centrali ya Kiziguro, Sikirisali ya Kiziguro.

Umunsi nyirizina wabimburiwe n' igitambo cy' ukarisitiya, cyatuwe n' umwipisikopi wa Diyoseze ya Byumba, Nyiricyubahiro Musenyeri Nzakamwita Servilien, akikijwe n' abasaseredoti benshi baturutse mu maparuwasi atandukanye.

Umuhango w' itangwa ry' ubusaseredoti urangiye,uwari diyakoni ,abaye padiri imbere y'imbaga y' abihaye Imana n' abakirisitu bari aho,Nyiricyubahiro Musenyeri mu nyigisho yatanze yagize ati : ndashishikariza imiryango ko igomba kurera abo bana bayo hagendewe ku migenzo myiza nyobokamana kugirango bazavemo intama nziza zigororokeye Imana,yabwiye padiri mushya ariwe Ndahiro Pascal ko Imana yamuhamagariye ubutumwa bwo kwamamaza inkuru nziza mu bana bayo no kubaturira igitambo nyabuzima gishushanya urukundo Yezu akunda abe.

Amwibutsa ko hanze aha hari ibyonnyi bigamije konona abana b' Imana no kubaroha mu bibi bitera Imana agahinda.Amusaba ko agomba kugira ubushishozi mu byo akora,mu byo yigisha,ko agomba kuba urumuri, aho anyuze hose.

Nyuma y' indirimbo yo gushimira, Padiri mushya mu byishimo, yashimiye Imana, ashimira n' abantu bose bamufashije kurinda agera kuri uwo munsi utagira uko usa mu buzima bwe. Uhagarariye umuryango wa Padiri Ndahiro Pascal nawe yashimiye Imana, nawe yashimiye Imana, abafashije umuryango bose.

Kandi yashimiye ubutwari bwa Ndahiro Pascal ukuntu yabyitwayemo,muri urwo rugendo rutari rworoshye na gato. Ati : kubera Imana byarashobotse none abaye padiri yakomeje avuga ko hari benshi babyifuza ariko bakagarukira nzira. Imana ikomeze imurinde mu butumwa bushya ahamagariwe. Igitambo cyashojwe n' umugisha wa padiri mushya awuha Musenyeri n' abakirisitu bateraniye aho.

Igitambo cya misa gihumuje hakurikiyeho imikino n' amagambo atandukanye.

Mu ijambo uhagarariye paruwasi yavuze ko paruwasi yacu yashinzwe mu 1930 ikaba yarabyaye andi maparuwasi nka Byumba, Nyagahanga, Rukara, Muhura, Nyakayaga…….

Agaragaza ibyakozwe muri Paruwasi , ibikorwa ubu ndetse n' ibitegnywa mu gihe kiri imbere.

Muri ibyo birori, kandi hatanzwe impano ku muntu wakoreye neza paruwasi igihe kirekire ariwe Musoni Sebastien wo muri sikirisali ya Bugarura indi mpano yahwe padiri mushya.

Mu gusoza Nyiricyubahiro Musenyeri yashimiye abakirisitu, abifuriza gukomeza gutera imbere, biyubakira Kiliziya, kandi babyarira Kiliziya abasaseredoti beza, bityo ingoma ya kirisitu yogere hose.

Umugisha watnzwe na Musenyeri niwo washoje ibirori

Ubuhamya bwa Mukayisanganwa Clementine

Mukayisanganwa Clementine ni umubyeyi w' abana babiri. Akaba umwarimu

Witangira umurimo w' uburezi uko bikwiye. Uretse kuba yaratojwe kurera neza abana ashinzwe, yongeyeho no kuzirikana urukundo rw' Imana yakunze abantu, nawe abiheraho kugirango akore neza kurushaho dore ko ari mu muryango w' abamisiyoneri b' umutima mutagatifu wa Yezu na Mariya.

Ni muri urwo rwego , mu gihe Imana imutije ubushobozi , agenda azirikana abatishoboye kurusha abandi, akagira icyo abafashisha ari nabyo yasezeranye mu muryango.

Kubera ko ari umurezi ,ahangayikishwa n' imibereho mibi cyane kuri bamwe mu bana baza kwiga,akaba yaragiye afasha abanyeshuri bakennye, ku buryo butandukanye, tumusabire ngo akomereze aho!

Yaje kwitegereza abona, hari abana 3 bari bafite ipfunwe ryo kwigana na bagenzi babo kubera ubukene: nta mwenda w' ishuri, nta makayi, nta makaramu, nta nkweto. Wabonaga bakunda kwigunga, bakina ugasanga batisanzuye nk' abandi.

Wabonaga nta byishimo bafite. Umunsi umwe Clementine yatembereye, mu rugo, aho umwe muri abo bana aba, imvura iguye yugamayo nibwo yafashe neza amakuru . Kubera ko inzu yabo yavaga, yabanje kubagurira shitingi dore ko bari barasabye amabati ariko akaba atari yakabonetse. Imvura yaragwaga ikabasnga mu nzu, ubukonje bukabagora.

Uwo mwana yabanaga na se,Mukase n' abandi bana 4 mu bukene bukabije, kubera ko nyina yitabye Imana, Uwo nyina yari yarahungiye muri Tanzaniya mu 1994, aza guhunguka mu 1996, ariko umugabo we yasigayeyo kubera impamvu ze bwite. Ageze mu Rwanda, yabyaranye na muramu we, nyuma aza kwitaba Imana azize urupfu rutunguranye.

Hamwe n' abandi bana 2 bari basangiye ikibazo cyo kuba igihe cyose bareka ishuri, kubera

Ubukene, Mukayisanganwa Clementine, yarabahamagaye, abigisha ko bagomba kuguma mu ishuri, bakiga, bakamenya, bagatera imbere, bakazifasha kuko batarazwe ubukene.

Yabaguriye amakayi,amakaramu, udukweto, abifuriza kwiga neza bagatsinda.

Abo bana ubu bariga bishimye kandi bagatsinda, kuko Clementine yakomeje kubitaho.

IMYAKA 50 ABAMISIYONERI B'UMUTIMA MUTAGATIFU WA YEZU N'UWA MARIYA BAKORERA MU RWANDA .

***Twavuga iki kuri abo Bamisiyoneri*?**

Dufashijwe n'inararibonye muri Paruwasi Kiziguro, Umusaza Gamaliyeli SEGICONDO, tugiye kureba uko abapadiri b'Abamisiyoneri b'Umutima mutagatifu wa Yezu n'uwa Mariya bageze mu Rwanda n'ibyo tubakesha mu myaka 50 bamaze bakorera ubutumwa bwabo muri paruwasi ya KIZIGURO.

Abamisiyoneri b'umutima mutagatifu wa Yezu n' uwa Mariya bageze i Kiziguro mu mwaka wa 1969. Bakoze ubutumwa muri Kiziguro yaje guhinduka Paruwasi Kiziguro. Bahakoze ibikorwa byinshi, mbere na mbere iyogezabutumwa mu bakirisitu. Abakirisitu bariyongereye, kiliziya iravugururwa, ishyirwamo intebe zihagije kandi zikomeye , alitari ishyirwa aho abakirisitu bitegeye kuburyo bakurikira misa nta ngorane . Hubatswe n'amacumbi y'abapadiri. Bazanye muri Paruwasi ibihingwa bitandukanye harimo n'ibiturutse mu mahanga . Ibiti by' Imbuto n'imboga byarahinzwe mu bwinshi ku buryo n'abaturiye Paruwasi baboneyeho kubihinga iwabo.

Ishuri ribanza rya Kiziguro ryaravuguruwe maze ryakira abana benshi atari abagatolika gusa ahubwo n'abo muyandi madini bigiragamo dore ko bishimiraga uburere bwiza bwahatangirwaga.

" ***Roho nzima mu mubiri muzima*** ". Abapadiri b'Abamisiyoneri b' Umutima mutagatifu wa Yezu n'uwa Mariya, ntibibagiwe ibikorwa byo kubungabunga ubuzima : hubatswe ibigega byo guhunikamo umusaruro mu buhinzi . Mu bushishozi no guteganya kwabo, abo bapadiri bashakaga kurwanya inzara ya hato na hato kandi banatekerezaga ku mbuto y'abaturage baturiye Paruwasi ndetse n'ab'ahandi.Ntibaheze muri santarari ya Kiziguro gusa ahubwo baguye ibikorwa byabo mu yandi masantarari ariyo : Gakenke , Nyabisindu , Rwimitereri na Nyakayaga ubu yabaye Paruwasi guhera ku wa 12/9/2015. Iyo Parwasi nshya ya Nyakayaga nayo yarabeguriwe dore ko ari nabo bagize uruhare mu kuvuka kwayo.

Nkuko Padiri Joaquin Rossello , uwashinze umuryango w'Abapadiri b'Abamisiyoneri b'Umutima mutagatifu wa Yezu n'uwa Mariya, yaharaniye kwerekana ko Imana ari urukundo kandi ko Bikira Mariya ari umubyeyi wacu, n' abapadiri b'Abamisiyoneri b'Umutima mutagatifu wa Yezu n'uwa Mariya, ni yo ntego yabo kandi babigezeho kuko ibikorwa byabo byose ni cyo biba bigamije.

Mu gihe cy'abo bapadiri , amasantarali yose ya Paruwasi yubakishijwe ibikoresho biramba ndetse n'amashuri ashamikiye kuri Paruwasi, agirwa meza ku buryo yifuzwa na buri wese.

Abapadiri b'Abamisiyoneri b'Umutima Mutagatifu wa Yezu n'uwa Mariya, bashyigikiye Imiryango y'Agisiyo Gatolika.

Ibyerekeye imishinga y'Abapadiri : Padiri Santusi (Santos) yatangije umushinga w' itunganywa ry' impu. Bakoragamo imikandara ndetse n'inkweto. Ibyo ntibyibagizaga Padiri Santos umurimo w' iyogezabutumwa. Yasuraga abakirisitu b'amasantarali yose ya Paruwasi . Inyigisho ze mu misa, zari nta makemwa.

Padiri Mariyano (Mariano) we yari yaritangiye inyubako za Kiliziya . Ahatar i intebe zarashstswe barazihashyira, ibisenge by'amazu biravugurwa , bishyirwaho byose amabati. Na we yakundaga gusura abakirisitu kandi agashimishwa no kwitabira ibirori bitandukanye.

Padiri Giyome (Guillaume) yitaga kuri siporo y'urubyiruko . Yibandaga cyane ku mikino ya football , basketball na volley ball. Ibibuga by'imikino byatunganyijwe ndetse yari azi no gukora imipira yo gukina , akagura mike. Iyo habaga amarushanwa ku rwego rwa Komine (akarere muri iki gihe) ikipe ya Padiri Giyome yahaserukaga neza kuko intsinzi yabaga ari iyabo. Yatwaye ibikombe byinshi. Padiri Giyome yanateguraga amarushanwa hagati y'urubyiruko, abatsinze akababaha ibikombe n'ibindi bihembo.

Mu buzima bwe bwo kwiha Imana , Padiri Giyome , yasuraga imiryango , agatanga penetensiya ku bayishaka kandi yatangaga inyigisho zishimishije. Urupfu rwe rwaradutunguye. Imana imuhe iruhuko ridashira ! Ntituzamwibagirwa.Nk'umufotozi , imiryango myinshi ifite amafoto yayisigiye. Ayo amafoto atuma iyo miryango yibuka ibyiza yakoreye Kiziguro.

Padiri Yakobo (Jacques), mu bwiyoroshye bwe, mu kwita kuri buri wese, koko ni umugenerwamurage wa padiri fondateur w'Umuryango w'Abamisiyoneri b'umutima mutagatifu wa Yezu n'uwa Mariya . Yafashije cyane abakene : abagaburira , abubakira amazu n'ibigega byo gufata amazi y'imvura. Umurava n'ubutwari bye byatumye yiyemeza ,mu bihe bikomeye bya nyuma ya jenoside yakorewe Abatutsi 1994 gukomeza ubutumwa bwe muri Kiziguro mu gihe umutekano we washoboraga guhungabanywa. Icyo gihe Imana yaramurinze akomeza ubutumwa bwe , azahura Paruwasi. Turabimwubahira kandi Imana izabimuhembere.

Muri rusange, Abapadiri b'Abamisiyoneri b'Umutima mutagatifu wa Yezu n'uwa Mariya, beze imbuto za gisaserodoti: bafashije abasore b'Abanyarwanda n'abo mu bindi bihugu kugera ikirenge mu cyabo. Muri bo twavuga abapadiri :Gerard KARURANGA witabye Imana akiri muto muri Mutarama 1994, Pierre Nolasque MBYARIYEHE , André MUJYAMBERE, Laurent RUTINDUKA , Jean Damascène MUSONI , Jean Bosco NSENGIMANA , Epaphrodite NSHIMIYIMANA , Innocent KUBWIMANA , Jean Baptiste NYANDEKWE na we yitabye Imana , Edouard TWIZEYIMANA , Sylvère MUNYANGABE , Anaclet MBUGUJE , Dominique Savio TUYISENGE , Jules NIKUZE , Fulgence NIYONSENGA , Jean Claude NIYITEGEKA , Jean Marie Vianney HATEGEKIMANA , Alban_Sosthène _GALLI , Théogène NYIRIMANZI , Eric IZABAYO , … Ibikorwa by'abo bapadiri bato byazashyirwa mu nomero zitaha z'aka kanyamakuru, mu gihe byaba byifujwe n'abasomyi kuko Umusaza Gamaliyeri yiteguye kubibafashamo.

Ni iki Abapadiri b'abamisiyoneri b' Umutima mutagatifu wa Yezu n'uwa Mariya batakoze ?! Ntacyo twabashinja , muri iyi myaka isaga 50, bakoze byinshi bihagije. Usibye ibyavuzwe haruguru, banashinze Paruwasi ya Rukara ubu ibarirwa muri diyoseze ya Kibungo iri mu burasirazuba bw'igihugu ndetse na paruwasi ya Nyakayaga iri muri diyoseze ya Byumba kimwe na Paruwasi Kiziguro.

Abapadiri b'abamisiyoneri kandi bubatse urundi rugo rwabo i Butare mu majyepfo y'igihugu. Ikindi gikomeye abo bapadiri bakoze ni uko mu mwaka wa…1998, bashyizeho abalayiki Misiyoneri b'Umutima mutagatifu wa Yezu n'uwa Mariya . kuva icyo gihe kugeza ubu abo balayiki n'abapadiri basangira ubuzima n'ubutumwa dore ko bagomba kumera nk'amashami abiri ku giti kimwe nkuko Padiri Joaquin Rossello, uwashinze Umuryango yabyifuzaga .

Nihasingizwe Imana yo yatumye abapadiri b'Abamisiyoneri b'Umutima mutagatifu wa Yezu n'uwa Mariya baza mu Rwanda . Nitubasabire igihe cyose. Tubashimire iteka. Imana nibahe umugisha

Abapadiri b' abamisiyoneri b' umutima mutagatifu wa Yezu na Mariya babaye muri paruwasi ya Kiziguro kuva mu mwaka wa 1969.

1. Santos Ganuza.
2. Merchior Fullana.
3. Mariano Iturria.
4. Francisco Oviedo.
5. Javier Annaurt Francois.
6. José Ramon Osaba Joseph.
7. Guillaume Bauza(+)
8. Jaume Roig Sanso.
9. Antonio Vallespir.
10. Antonio Velcaneras.
11. Gerard Karuranga (+)
12. Mbyariyehe Pierre Nolasque.
13. Reynoso Julio Cesar Teveras.
14. Mujyambere André.
15. Rutinduka Laurent.
16. Musoni Jean Damascene.
17. Nsengimana Jean Bosco.
18. Nyandekwe Jean Baptiste(+)
19. Nshimiyimana Epaphrodite.
20. Kubwimana Innocent.
21. Mbuguje Anaclet.
22. Twizeyimana Edouard
23. Munyangabire Sylvere.
24. Tuyisenge Dominique Xavio.
25. Nikuze Jules.
26. Yves Ateba Onambele.
27. Sosthene Alban Galli Mameleyagbami.

Dusabe: Mana ishobora byose, urebane impuhwe abamisiyoneri b' umutima mutagatifu wa yezu na Mariya ,maze unabashoboze kwitanga mu gusohoza ubutumwa bw' urukundo muri iyi si kugeza igihe bazagusanga mu ikuzo ryawe.

Ubwanditsi.

Makuru ki muri Fondation Concordia-Ineza?

Hateganyijwe kuzahuriza hamwe abagenerwabikorrwa bose ba Fondation Concordia Ineza mu kwezi kwa 8.

Kubera iyo mpamvu, hashyizwemo imbaraga nyinshi, mu gukomeza amatsinda anyuranye yabyawe n'uwo muryango mu rwego rwo kwifasha.

Dore amwe muri ayo matsinda

Amazina y' itsinda	**Umubare w' abarigize**	**Inkunga babonye**	**Ibigomba kugerwaho mu itsinda**	**Amafoto**
1.Nkunda abana muri Saantarari ya Kiziguro.	Abana 100 babifashijwemo n' ababyeyi babo cyangwa ababarera.	Gufasha abanyeshuri bo mu mashuri abanza batishoboye: Amakayi, amakaramu, inkweto, umwambaro w' ishuri,	Abana boroye inkoko n' inkwavu, bakigurira ibikoresho babifashijwemo n' ababyeyi babo. Abana bagafunguza konti muri banki za SACCO cyangwa RIM	
2. In eza y' Imana muri Santarari ya Nyabisindu.	Abana 50 babifashijwemo n' ababyeyi babo cyangwa ababarera,	<< >>	<< >>	

3.Duhuzimbaraga muri Santarari ya Rwimitereri.	Abana 60 babifashijwemo n' ababyeyi babo.	<< >>	<< >>	
4.Girurukundo muri Santarari ya Gakenke.	Abana 60 babifashijwemo n'ababyeyi babo.	<< >>	<< >>	
5.Girumutima ufasha muri Nyakayaga.	Abanaa 120 babifashijwemo n' ababyeyi babo.	<< >>	<< >>	

6.Dufatanye Nyarubuye muri Nyarubuye.	Abana 60 babifashijwemo n' ababyeyi babo.	« »	« »	
7.Dufatanye apadrinamientos	100	Ibikoresho by'ishuri Ubworozi bw' inkoko,inkwavu, ingurube,ihene.	Gutangira kwifasha ku bikoresho by' ishuri. Abana bagafunguza za Konti.	
8.Tumurere	120	Amafaranga y' ishuri ku banyeshuri biga mu yisumbuye.	Guhunikira hamwe imyaka, Kwitangira mutuelle de santé, Imishinga yo mu rugo itandukanye.	

9.Gira neza	50 bashobora kurenga	<< >>	Kumenyana. Gufasha abandi banyeshuri b' abakene.	
10.Terimbere muhinzi w' imboga	67	Imirima, ubujyanama, bimwe mu bikoresho byo mu buhinzi.	Kwihaza mu biribwa, Kugira amafaranga agaragara kuri Konti. Kwitangirira mutuelle de santé.	

Utuntu n'utundi.

1. Inkuru y'umugabo wari ugiye gupfa azira akarengane.

Iyo mu bihugu bya kure, umugabo yari afite umunsi mukuru mu muryango. Afata icyuma cyo gukinja intama imwe muzo yari yoroye. Amaze kuyishyitsa hasi, atangira kuyikata ijosi, ariko atarayihwanya, intama iramuhaagurukana,iramwiyaka,iriruka. Tari tari, intama iramwenekera,n.ubwo nayo itari izi aho ijya kuko yari yayikomerekeje byo gupfa.Umuhogo wayo wari hafi kurekana, ikiruka ita amaraso menshi.

Uko umugabo yakomeje kwiruka, amaze no kubura ikirari cy' intama ye,aza kugwa ku muntu wari umaze kwicwa n' abagizi ba nabi. Mu gihe agitekereza uko ari bubyifatemo,n'ubwoba bwinshi, abashinzwe umutekano bari babimenyeshejwe ku buryo bwabo, baba barahageze. Babonye umugabo, yahiye ubwoba, kandi afite icyuma kijojoba amaraso,baramufata, bamushinja ko ariwe wishe uwo muntu. Bamujyana ku mutware mukuru wabo n'umurambo.

Bamubajije ko ariwe wishe uwo muntu, asubiza ko ariwe wamwishe!

Nibwo bamuktiye urubanza rwo kwicwa bamumanitse.

Ku munsi wo kurangiza urubanza, hari haje abantu benshi cyane, kureba uko baha igihano gikomeye cyane uwo mwicanyi.

Ibyangombwa byose byari byashyizwe hamwe, mu gihe bitegura, gushyira mu kaagozi uwo mwicanyi, mu bantu benshi bari baje aho, havamo umwe, avuga cyane ko uwo muntu bagiye kumanika ari umwere! Abari aho bakagirango ni umusazi, ariko, abandi babimubaza neza bitonze,nawe abasobanurira ko ariwe wishe Nyakwigendera, ndetse avuga n'icyo yamujijije.Bibabera urujijo, bahindukirana,wa wundi bari bagiye kumanika, bati: Urakomeza kwemeza ko ari wowe wishe uriya muntu? N' ubwo yari ku ngoyi, yari yateze amatwi, ahita asubiza ko atari we wamwishe. Bamubaza impamvu mbere yari yabyemeye. Asubiza ko iyo abihakana ntan' umwe wari kubyemera,kuko bamufashe afite icyuma kijojoba amaraso,bigahurirana n' uko yasanze umuntu yari amaze kwicwa,bamujombaguye ibyuma, akiviririrana. Babaza undi niba yemera igihano bagiye kumuha, aracyemera. Batangazwa n' ubutwari bwe, nawe akomeza avuga ko yemereye Imana kuzamuhana kubera igihanga cy' umuntu umwe,ariko ko icy' uwa 2 w' inzirakarengane atabona aho ahera yisobanura.!!!

Ni uko bahita bamumanika, naho uwa mbere baramurekura arigendera.

Imana ikiriza mu kwiheba.

Nta mwiza wabuze inenge ariko **<u>nta n' umubi wabuze urugingo</u>**.

Wari uzi ko ?

Kimwe mu bikurura ubukene mu miryango yacu.

Iyo abantu bakora amasaha atarenze 4 ku munsi, ubwo mu cyumweru cy' iminsi 7 baba bakozemo umunsi utarenze umwe.

Mu mwaka w' iminsi 365 baba bakoze iminsi itarenze 52 yonyine!!!!!!

Mu myaka 10, ku minsi 3650 baba bakoze iminsi 520 gusa.

Abantu bakora gutyo ntibashobora kuzava mu bibazo by' ubukene na mba.

Ongeraho ko hari iminsi umuntu asiba gukora kubera uburwayi,gutabara,inama,ubukwe n' ibindi byinshi.Ni ukuvuga ko iriya minsi 52 mu mwaka nayo ishobora kutageraho.

Isomo: Twige gukoresha neza igihe Imana yaduhaye. Nidukoresha neza icyo gihe twese(kuko hariho n' abakora amasaha y' ikirenga),tuzajya tubona umwanya wo kuruhuka ku cyumweru.

Amazina y' abalayiki MSSCC ba Kiziguro na Butare.

1. *GASASIRA Felicien.*
2. *NYIRAMATAMA Mectilde*
3. *INGABIRE Honorine.*
4. *NYIRANDEGEYA Claudine*
5. *KANTENGWA Anne Marie.*
6. *NYIRATUNGA Jeanne.*
7. *RUDASINGWA Venuste*
8. *MUKABARANGA Helene.*
9. *SEGICONDO Gamaliel*
10. *MUKAGASANA Anne Marie.*
11. *MUKAMPUNGA Francoise.*
12. *UWAMWEZI Rose*
13. *MUKAMURERA Therese*
14. *UWINEZA Jacqueline.*
15. *MUKANDAHIRO Anne Marie*
16. *MUKANDANGA Speciose*
17. *MUKANDEKEZI Thacienne*
18. *MUKANDORI Belencille*
19. *MUKANDUTIYE Marie Gorette*
20. *MUKARUGIRA Eugenie*
21. *MUKARUGWIZA Eugenie*
22. *MUKAYISANGANWA Clementine*
23. *MUKASEKURU Therese*
24. *MUREKATETE Bernadette*
25. *MUSABIMANA Emilienne*
26. *MUSABYIMANA Consolee*
27. *MUTSINZI Antoine*
28. *NYIRABAHIRE Immaculee*
29. *NYIRABASHUMBA Speciose*